# IJAMBO RYA NYAKUBAHWA PEREZIDA WA REPUBULIKA, PAUL KAGAME, KU WA 6 UKUBOZA 2020 NYUMA YA MISA YO GUSHIMIRA IMANA UBUTORWE BWA NYIRICYUBAHIRO ANTONI KARIDINALI KAMBANDA, ARKIYEPISKOPI WA KIGALI

Nyiricyubahiro Antoni Karidinali Kambanda, Arkiyepiskopi wa Kigali;

Bayobozi b'inzego nkuru z'igihugu cyacu;

Nyiricyubahiro Marcel Madila Basanguka, Arkiyepiskopi wa Kananga akaba na parezida w'Ihuriro ry'Inama y'Abepiskopi b'ibihugu by'Afika yo hagati- ACEAC;

Nyiricyubahiro Filipo Rukamba, Umwepiskopi wa Butare, akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi mu Rwanda,

Nyakubahwa Myr Andrezcj JOZWOWICZ, intumwa ya Papa mu Rwanda,

Ba Nyiricyubahiro bo mu Rwanda, n'abepiskopi incuti zacu baturutse mu gihugu cy'igituranyi cya Kongo;

Abihayimana bose muri hano, bashyitsi bahire n'abanyarwanda bari hano n'abadukurikira;

Mbanje kubasuhuza mwese.

Uyu munsi, Abanyarwanda dufite ibyishimo by'uko Kiliziya Gatolika y'uRwanda yabonye karidinali; Byavuzwe, ni bwo bwa mbere mu myaka 120; imyaka 120 ishobora kuba mike, ishobora kuba myinshi bitewe n'icyo utekereza, Batubwiye neza ko Kiliziya Gatolika, turabizi, imaze igihe kirekire hano ku isi. Imyaka ibihumbi. Urumva ko imyaka 120 uba uri muto cyane.

Ariko icyiza cyangwa ikibi ntago kigendera ku myaka. Ikiza kiba cyiza aho kibereye kiza hose, ikibi nacyo kiba kibi bitewe n'aho giherereye. Ariko twebwe turireba nk'abari bamaze imyaka 120; muri iyo myaka 120 turakuze bihagije, tumaze kumenya gutandukanya ikibi n'icyiza. Twateraniye aha rero gushimira Imana iyi mpano twabonye muri iyi myaka 120.

Icya mbere, Karidinali Kambanda, tumufite nk'Umunyarwanda, nk'umwana w'uRwanda. Yarakuze rero, Imana imugira umusaserdoti, irongera iramuzamura aba umwepiskopi, none imugejeje ku rwego rwa karidinali.

Ibyo rero turabishimira Nyirubutungane Papa Fransisko wagiriye Karidanali Kambanda ikizere, akamuzamura mu ntera, akamushyira mu bajyanama be bahafi. Ubwo icyo kizere gishingiye ku bushishozi n'umurava karidinali Kambanda yagaragaje mu butumwa bwe mu Rwanda. Kandi akerekana ko ashoboye kugeza umusanzu we kuri Kiliziya yose ku isi.

Umubano w'uRwanda na Vatikani nawo wafashe intera ishimishije. Tukaba nabyo tubishimira Papa Fransisko wakomeje kugaragaza ubushake bwo kuwunoza, ndetse akosora ibitaratunganye mu bihe byashize kandi bitari bikwiye no kuba. ibyo ntabikoreye uRwanda gusa, biragaragara ko abikora n'ahandi ku isi hose. ibyo rero nawe ntawabura kubimushimira.

Turagushimira rero Karidinali Kambanda urwego ugezeho kandi turizera ko uzafatanya n'abo bashyize imbere gukorera Kiliziya neza, gukorera igihugu cy'uRwanda neza, gukorera Abanyarwanda neza. Ni shema n'icyubahiro ndibwira kuri we bwite ariko ni byacu nk'uRwanda n'Abanyarwanda twese, ndetse

tutitaye cyane k'uburyo twemera, imyemerere ijyanye n'amadini. Iyo umunyarwanda azamutse mu ntera kubera ubushobozi n'umurimo mwiza akora cyangwa yakoze, haba mu gihugu cyangwa ku rwego mpuzamahanga , twese turishima. Ikizere yagiriwe n'agaciro yahawe, ubwo natwe biba ibyacu. Aba ari intore mu nshingano arimo, ariko akaba n'intore mu gihugu cyacu, ari nacyo cye. Ibyo rero ndibwira ko bizafasha karidinali kambanda kurangiza neza icyo Imana imwifuzaho n'ibyo Abanyarwanda muri rusange babona bateze kuri Kilziiya Gatolika. Nkuko rero dusangiye ishema n'ibyishimo, tugomba no kumufasha muri izi nshingano, akazasohoza ubutumwa bwe neza.

Mu mateka maremare mu Rwanda Kiliziya ifite, yabaye umufatanyabikorwa mu mibereho y'abanyarwanda, yaba mu burezi, mu buzima no mu iterambera muri rusange. Kiliziya Gatolika yafatanyije n'inzengo za leta, ifantanya n'Abanyarwanda ifatanya ndetse n'amadini muri ibyo bikorwa. Ubu bufatanye rero burakomeje, bukwiriye gukomeza, ndetse bukwiye guhabwa n'imbaraga zindi nshya nkuko tugenda twunguka n'abayobozi kuri izo nzego bashya nk'uko Kambanda yagizwe umukaridinali kuri urwo Rwego.

Iby'uko ayo Mateka y'uRwanda n'aya Kiliziya hagiye haba rimwe na rimwe ibitaragenze neza cyangwa ingorane zitandukanye, ndetse biza no guhungabanya ubuzima bw'igihugu, ibyo ntabwo ari byo twashyira imbere. Ngira ngo ibyo twabivanyemo isomo, twumvise icyabuze icyo gihe, turashakisha icyo ari cyo cyose cyatuma bitasubira kandi tugatera intambwe, ubundi ubuzima bwubaka ubufatanye, kandi bwubaka igihugu kandi bwubaka n'abantu bagituye.

Rero ndibwira ko Karidanali Kambanda, n'abandi bazaba bafatanyije nawe, we ubwe azahera no ku mateka ye yavuzwe na mbere, n'ayo nasubiyemo, ayo mateka afite inyigisho nyinshi ku bibi byaba byarakozwe bidakwiriye kuba bikorwa, ariko ubu turi munzira y'ibikorwa byiza no mu bufatanye. Imyaka ishize 20 n'indi, iyo nzira tuyimazemo igihe. Gushaka gukora neza, gukora ibyiza, ubufatanye, kubaka : ntabwo bigira ubwo bihagarara, nta nubwo bigera igihe ngo abantu bumve ko bageze ku byiza byose bashakaga, ni ibintu rero tugomba guhora dukorera buri igihe cyose. Ariko intambwe imaze guterwa. Dukomeze dutere izindi ntambwe kugira tugere ku ntego yo kubaka abantu, ubuzima, amadini, amatorero, Leta, twese dufatanye tugerageze dukore ibyiza dukwiriye kuba dukora, kandi dufitemo inyungu, kandi tukabikora twumva ko buri wese akwiye kubyibonamo, akwiye kuba yumva ko yatanga umusanzu we, kandi abifitemo inyungu, bitari ibya bamwe cyangwa abandi. ibyo rero Karidinali Kambanda n'abandi bayobozi ba Kiliziya Gatolika muri hano ndetse na Vatikani navuze, dukurikije n'inzira tubona mu bikorwa uhereye no kuri Papa Fransisko agaragaza, ashyize imbere, natwe ntitwabura gutanga umusanzu wacu kugira ngo ibintu byihute; ibyiza abe ari byo bitera imbere, ibibi tugende tubisiga inyuma, bityo twubake Kiliziya Gatolika, twubake uRwanda, ndetse tugire ubufatanye hagati yacu n'indi myemerere y'andi madini.

Nagira ngo, nsoza, nongere nifurize mwese abakristu, abayobozi b'idini gatolika n'andi madini, Abanyarwanda mwese, mbifurize ishya n'ihirwa, tubyifurize kambanda, uyu munsi wabaye uwe, wo kumwakira no kumushimira urwego agezeho, no kumwibutsa ko inshingano ziyongereye, izo yari afite ejo hashize, ubu ejo hazaza bishobora kuba byikubye kabiri. Ubwo rero urumva ko n'ubwo agenda akura mu myaka ari ko imirimo yagiye yiyongera. Ubwo Tuzagerageza twese hamwe kugutera inkunga, gutera Kiliziya Gatolika inkunga n'abo mufatanyije mwese kugira ngo icyo twufuza tukigereho.

Nagira ngo rero mbashimire, uyu mwanya, ubutumira hanyuma mbizeza ubufatanye nk'uko nabivuze.

Mwese mugire amahoro y'Imana.